# 76: Bene wacu bo mw isi

1.
Bene wacu bo mw isi, Mwese ni mutwiteho,Mwitegure kumvira Imigambi y'Imana.

2.
Satani yayobeje Sogokuruza wacu,Amuteg' ikigoyi,Maz' amuta mu rwobo.

3.
Nuko, natw' abana be Tumukurikir' ubwo, Twibagirw’ Uwiteka, Tugwa mu minyururu.

4.
Umv' ubuntu bw'Imana, Ko butangaza cyane ! Nawe, wabwiyumvira, Warek' iby'ugundira.

5.
Ntangazwa n'Uwiteka : Yambuy' uwo Mwana we Bwa bwiza bukomeye, Ngw az'apfir' abagome.

6.
Yemeye guhemurwa, Nta n'icyaha yakoze, Yicw' urupfu rubi pe, Atubohor' ibyaha.

7.
None, banyabyaha mwe, Bakene na bakire, Uko muri, mwitabe, Mwakir' Umucunguzi !

Visit us at indirimbo.com